Guide de la Réconciliation pour la Paix
Umuyobozi w'ubwiyunge mu mahoro

Aloys Musomesha
Avocat des droits humains et de la réconciliation
Spécialiste en médiation locale, scolaire et pénale
Umushinga w'ubwiyunge nyakuri
Gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge nyarwanda
www.projet.dvjp.net Tél. +32474601712
Email: projet-dvjp@outlook.com

Ndabaramukije. Muri iki kiganiro tugiye gusesengurira hamwe kimwe mu bitekerezo by'uyu Mushinga w'Ubwiyunge Nyakuri ku byerekeranye n'amoko ya politiki. Ndagira nti: « Igihugu cyacu URWANDA kiramutse kiyobowe n'amoko ya politiki, nticyagendera ku mategeko. »

Igice cya mbere

Iyo abanyarwanda turebye neza amateka y'igihugu cyacu, dusanga cyarayobowe n'ingoma z'abatutsi cyangwa iz'abahutu. Ingaruka z'ubwo buyobozi twarazibonye. Ingoma z'abatutsi zakandamije abahutu, ingoma z'abahutu nazo zikandamiza abatutsi. Ndetse kuri izo ngoma zose, abenshi mu bahutu n'abatutsi barahohotewe abandi baricwa, bose bazira ayo moko ya politiki bahawe. Nyamara kuva Urwanda rwabona ubwigenge kugeza ubu, abanyepolitiki batubwiye ko igihugu kigendera ku mategeko.

- **Amoko ya politiki si amashyaka ya politiki.**

Hari abumva rero ko ibyo bibazo by'amoko ya politiki (**les ethnies politiques**) n'imiyoborere mibi byacyemurwa n'uko igihugu cyayoborwa n'abahutu bafatanyije n'abatutsi hamwe n'abatwa maze bakagabana imyanya y'ubutegetsi hakurikijwe ayo moko. Ibyo byaba ari ugushaka umuti w'ikibazo cy'amoko mu nyungu za politiki y'ubutegetsi ariko hirengangijwe inyungu za Rubanda demokarasi igomba kwubakiraho. Ni nko kuvuga ngo: "**gushyiraho ubutegetsi bushingiye ku mategeko biratunaniye, reka twitabaze amoko ya politiki!**" **Ayo ni amaburakindi!** Abashyigikiye icyo gitekerezo bavuga ko ngo icyo gihe nta ntambara z'amoko ya politiki zakwongera kubaho kuko ayo moko yatinyana kubera ko yaba anganya ingufu, cyangwa se ngo niyo iyo ntambara yaramuka ibaye, ngo ntawanesha undi ! Bityo ngo abitwa ko ari « Rubanda nyamucye » bakagira icyizere cy'uko batazongera guhohoterwa n'abitwa ko ngo ari « Rubanda nyamwinshi ». Nkaho ibibazo by'igihugu bishingiye ku ntambara z'ayo moko gusa. None se nta batutsi bazize ingoma ziyobowe n'abatutsi hakaba n'abahutu bazize ingoma ziyobowe n'abahutu, cyangwa bagahunga ubutegetsi bufitwe n'abo bahuje ubwoko? Ni iki cyagaragaza ko nta munyarwanda uzongera guhunga igihugu cye? Uwo muti si wo wacyemura akarengane gakorwa n'abanyepolitiki.

Bigenze bityo se abatiyumvamo ayo moko ya politiki, batarayagira mu mitwe yabo (l'inconscient), kandi ko ari bo benshi, bo baba abande? Bahagararirwa na nde muri ubwo butegetsi? Bahagararirwa na nde muri izo ngabo zakwitwa ko ari iz'igihugu kandi zarashyizweho hakurikijwe amoko ya politiki? Muti: "abo ni bande se?". Nanjye nti: "None se abadafite imyaka yo gutora abo bahutu, abo batutsi n'abo batwa, ikizagaragaza ko bibonamo ayo moko ya politiki ni iki kandi batayazi?" Ni yo mpamvu nemeza ko abana bakiri bato hamwe n'urubyiruko rutarigishwa ingengabitekerezo z'amoko ya politiki, nta bwoko baba bafite kuko ntabwo bari bwiyumvemo. Abana bishwe n'ababitaga abatutsi cyangwa abahutu, mwansobanurira mute ko abo bana bari bafite ubwo bwoko bwa politiki mu by'ukuri? Munyumve neza ariko, ibyo ntibibujije kuba nemera ko ababishe bakoze **icyaha cyo kubaziza ubwoko** (urugero: nk'itsembabwoko) kuko bumvaga ko babufite bitewe n'ingengabitekerezo bo bigishijwe kandi bari bafite mu mitwe yabo. Bivuze rero ko abanyarwanda bose batarahabwa amoko y'abahutu, abatutsi n'abatwa nta bwoko bagira, kuko **amoko ya politiki atavukanwa** nkuko babitubeshye. Ubwoko bwa politiki bw'abanyarwanda bavuka ku babyeyi badahuje amoko ni ubuhe? Igisubizo ni « **ntabwo** ». Abo bose maze kuvuga, uyu mushinga urabazirikana kandi uzakomeza nabo kubarengera no kubavuganira. Kimwe n'abatemera ayo moko, abo nabo bafite uburenganzira bwo guhagararirwa mu nzego z'ubutegetsi n'ubuyobozi bw'igihugu. Kugirango urwo RWANDA RW'EJO ruzabe urw'abanyarwanda batagira amoko ya politiki. **Urwanda ntabwo ari urw'abahutu, abatutsi n'abatwa gusa, ni urw'abanyarwanda bose barimo n'abatemera cyangwa batiyumvamo ayo moko ndetse n'abatayazi**.

Ikindi ni uko abanyarwanda batekereza batyo, bibagirwa ko **nta tegeko ribaho rigena ayo moko ngo risobanure ibyayo**, nkuko bimeze ku mashyaka ya politiki. None se, iryo gabana ry'ubutegetsi hakurikijwe amoko ryashingira kuki? Ese ikimenyetso abo banyepolitiki bazatwereka cy'uko bafite ayo moko ni ikihe? Nanone kandi abo banyepolitiki bibagirwa ko nubwo bagabana imyanya hakurikijwe amoko y'abahutu, abatutsi n'abatwa bitabuza abashaka kwikubira ubutegetsi gukoresha izindi nzira zo gukandamiza abandi, andi mayeri, andi "maturufu" nk'ay'uturere bakomokamo, ay'ubwoko gakondo bw'abanyarwanda (abanyiginya, abega n'abandi) cyangwa ay'amadini yabo. Kandi turazi ko ibyo nabyo byabayeho kuri izo ngoma navuze. None se ubwo ibibazo by'uburenganzira bw'ikiremwamuntu byaba bicyemutse?

Reka mbibire ibanga. Bamwe mu banyarwanda, barimo abanyepolitiki, baramutse bemeje ko abayobozi bakwiye kugabana imyanya y'ubutegetsi

hakurikijwe amoko ya politiki yabo, hahita havuka irindi shyaka rya politiki naryo rirengera abo batiyumvamo ayo moko y'abahutu, abatutsi n'abatwa! Birumvikana ko ababa bari muri iryo shyaka rishya nta matora y'amoko ya politiki bajyamo kuko ntayo baba bakeneye kugirango bemererwe kujya mu butegetsi bw'igihugu bafiteho uburenganzira nk'abandi banyarwanda! Sinshidikana ndetse ko ari ryo shyaka ryatsinda kuko abayoboke baryo baba ari benshi kurusha abatwa, abatutsi, ndetse n'abahutu !

Ibyo mbivuze kugirango nereke abanyepolitiki ko hari indi nzira bashobora kunyuramo. Ndashimangira ko umuti w'icyo kibazo atari ukwongerera abategetsi izo NTWARO ZA POLITIKI (armes politiques) zitwa AMOKO zakoreshejwe ingengabitekerezo zitubahirije uburenganzira bwa muntu, ahubwo igikwiye kikaba ari ukuzibima no kuzibambura mu buryo bunyuze mu mategeko. Bityo uwazifatanwa ashaka kuzikoresha akabihanirwa. Kugirango ibyo bishoboke, ni ngombwa ko abanyarwanda bahagarariye RUBANDA baharanira ubutabera, ubwiyunge n'uburenganzira bw'ikiremwa-muntu bagira ingufu zikomeye zo gukurikirana no guhana umuntu wese wazongera kurenganya undi amuziza ngo afite ubwoko bwa politiki ubu n'ubu, mu buryo ubwaribwo bwose. Mu gihe ayo moko ataracika burundu, **hakwiye kuzajyahano ikigo cyigenga gishinzwe kugenzura ibyaha birebana n'irondamoko n'ivanguramoko (Centre de lutte contre le racisme et la discrimination)**.

Igikwiye gukorwa mbere ya byose rero ni uko habaho **inama mu rwego rw'igihugu ikabanza ikiga ikibazo cy'ayo moko kuko abanyarwanda tutayumva kimwe**. Noneho hakajyaho **itegeko risobanura neza ibyayo moko na politiki ihamye y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu yaha icyizere umunyarwanda wese ko atazongera kuzira isura ye cyangwa ukwemera kwe, mbere yuko ayo moko acika burundu. Bityo, za ntambara z'amoko ntazakwongera kubaho kuko azaba atakiriho. Ibyo ni byo biberanye na demokarasi.** Muri iki gihe, abanyarwanda barajijutse, bazi gushishoza, bazi ko ayo moko akoreshwa mu nyungu z'abanyepolitiki.

AMIZERO Y'ABANYARWANDA azaba **Umuryango uharanira inyungu za Rubanda (société civile)** uzaba wigenga maze ukayobora ubutabera n'ubwiyunge, ukabuvana mu maboko y'abanyepolitiki, nkuko nabisobanuye mu nyandiko n'ikiganiro ubwo nerekanaga ko uwo muryango uri mu *nzira y'ubwigenge nyakuri.* Uwo ni wo muti.

- **Amategeko ntagira ubwoko**

Birazwi ko ku ngoma zose zabayeho, uretse ibyaha bimwe by'itsembabwoko n'ibindi by'indengakamere, hari abandi banyarwanda benshi bavukijwe uburenganzira bwabo ku mpamvu zirebana n'ubwoko bwa politiki bitirirwaga: kubima akazi mu milimo ya Leta no mu gisirikare, mu milimo y'ibigo byigenga n'iby'abikorera ku giti cyabo; kubima amashuri, inguzanyo, n'ibindi. Ndetse n'amategeko yashyiriweho guhana ibyo byaha, yarengeye ubwoko bumwe arenganya ubundi, kuko inkiko zakurikiranye bamwe, abandi zirabareka. Aho byakabirije ni uko bamwe mu banyarwanda barenganyije abandi kubera ubwoko bwa politiki, bahawe na Leta icyiswe ngo ni "imbabazi" kandi ba nyiri gukorerwa ibyaha ubwabo batarazibahaye. Kubera ko abo banyabyaha batigeze bumva ububi bw'ibyo byaha bakoze, ibyo ni bimwe byatumye bamwe muri bo bakora ubundi bwicanyi bw'indengakamere. Ibyo ntibizongere kubaho ku ngoma izifuza gushingira demokarasi n'ubutegetsi ku burenganzira bwa buri muntu. Dukeneye ubutabera burengera bose, hose kandi igihe cyose.

Ntitwaba twaramaze kuvana amoko mu ndangamuntu ngo tuyahe intebe muri politiki kandi ari cyo dukwiye kurwanya. Byaba ari ugusubira inyuma. Igikwiye gukorwa ahubwo **kugirango azashobore kuva no mitwe yacu,** ni **ukuyavana muri politiki kandi tukayavanamo politiki (désethniciser la politique et dépolitiser les éthnies).** Kandi birashoboka nubwo bikomeye. Bityo ririya tegeko ryerekeye amoko navuze rizayace burundu kubera ko ingengabitekerezo zayashyizeho zihonyora uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Mu gihe iryo tegeko ritarajyaho, kimwe nk'uko bimeze ku madini no ku bwoko gakondo bw'abasinga, abanyiginya n'ayandi, amoko y'abahutu, abatutsi n'abatwa akwiye kureba abanyarwanda bayiyumvamo ku giti cyabo, ntajye muri politiki bityo nayo ntabemo politiki. Niba wumva ko uri umuhutu, umututsi cyangwa umutwa, ni wowe bireba gusa, nta wundi bireba.

Ikibazo nyamukuru cy'abanyarwanda ntabwo ari ukudasangira ubutegetsi kw'amoko ya politiki ahubwo ni ukutubahiriza amategeko n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Icyo kibazo nyamukuru gicyemutse, ayo moko ntiyabaho.

Mu nyandiko n'ikiganiro nise "*Nitwibohore ingoyi z'ingendabitekerezo z'amoko ya politiki* ", nerekanye uburyo ingengabitekerezo z'ayo moko y'*Inyabutatu* (imiterere y'ayo moko) zitaberanye n'umuco nyarwanda kandi zihonyora amahame y'uburenganzira bwa muntu. Niyo mpamvu ubutegetsi buramutse bushingiye kuri ayo moko ya politiki butashobora kwubahiriza ayo mahame no

kugendera ku mategeko. Muri ubwo buryo rero, amahoro arambye ntashobora kugerwaho. Amateka y'URwanda arabigaragaza. **Ntibyumvikana rero ukuntu umuntu yabona umwanya w'ubudepite, w'ubuminisitiri, mu gisirikare cyangwa mu butegetsi nka za ministeri n'ibigo bya Leta ngo kubera ko ari umuhutu, umututsi cyangwa umutwa, atigeze atorwa n'abaturage cyangwa ngo agaragaze ubushobozi abifitiye**. Bigenze bityo, ni ukuvuga ko ageze kuri uwo mwanya abakozi uwo mutegetsi yaba ayobora bose bazaba ari abahuje ubwoko bwa politiki nawe, aho kubona akazi hakurikijwe ubushobozi bwabo. **Aho kwubakira ku mahame ya demokarasi, amashyaka ya politiki yaba yubakiye ku moko ya politiki**. Ntacyo ayo mashyaka yaba amaze rero kuko amoko ya politiki ari yo yaba ayobora igihugu.

Hagati y'amashyaka ya politiki n'amoko ya politiki, dukwiye guhitamo kimwe kiberanye n'amahame ya demokarasi. **Hagati y'amoko ya politiki n'amahame y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, nabwo duhitemo ikindi**. Ntiwakwemera AMAYOBERA y'Inyabutatu ATANYA abanyarwanda akabagabanyamo IBICE BITATU ngo unubahirize ayo MAHAME mpuzamahanga AHUZA abantu. Kandi abanyarwanda natwe turi abantu nk'abandi ...
Ndemeza ko NTA MUTEGETSI CYANGWA UMUYOBOZI WASHOBORA GUHUZA ABANYARWANDA KANDI ARI WE WABATANYIJE. NTA N'UWASHOBORA GUHUZA ABANYARWANDA ATABANJE KWIBOHORA CYANGWA KUBOHORWA INGENGABITEKEREZO Z'AMOKO YA POLITIKI. NTA N'UMWE.

Kwishyira hamwe kw'abanyarwanda badahuje amoko ya politiki si byo biranga ubwiyunge bwabo. Muri uyu mushinga nemera ko **ubwiyunge nyakuri bushingira ku mategeko, bukayoborwa n'ukuri, ubutabera n'imbabazi; kandi bukarangwa no kwubahiriza uburenganzira bwa muri muntu**.

Niba abanyarwanda twifuza mu by'ukuri ko igihugu cyacu Urwanda cyubahiriza uburenganzira bwa buri muntu kandi kikagendera ku mategeko (ndetse kikaba intangarugero), mu gihe tuzi neza ko ingengabitekerezo z'amoko ya politiki zihonyora amahame y'ubwo burenganzira, dukwiye gukora ibi bikurikira:
- kwibohora izo ingengabitekerezo z'amoko ya politiki. Birakomeye ariko birashoboka.
- kureka kuboha abana bacu tubabwira ko ari abahutu, abatutsi n'abatwa
- urubyiruko rukwiye kwanga kubohwa n'izo ngengabitekerezo z'amoko ya politiki (résistance).

Igice cya kabiri

Mu gice cya kabiri cy'iki kiganiro cyerekeranye n'amoko ya politiki n'imiyoborere y'igihugu, tugiye kurebera hamwe impamvu zitubuza kwibohora n'uburyo dukwiye kubigeraho.

- **Twakwibohora dute rero ?**

Birasaba ko abanyarwanda baboshywe n'ingengabitekerezo z'amoko ya politiki bakwiye kwitekerezaho (discernement), bakibuka ko igihe bari batarigishwa izo ingengabitekerezo nta bwoko bagiraga, kugirango bibuke ko batavukanye ubwo bwoko ahubwo babuhawe n'abahutu, abatutsi n'abatwa bari babufite mu mitwe yabo (travailler sur sa mémoire et sur son conscient). Maze bibaze bati : "mbere y'uko mba umuhutu, umututsi cyangwa umutwa, nari nde?" Uko ni kwo kwibohora. Buri munyarwanda wese akwiye kwiyunga nawe ubwe kugirango agire ubwisanzure maze asabane n'abandi (il faut délier nos idéologies politico-ethniques pour se réconcilier avec nous-mêmes et **devenir libres**).

Ubwo bwiyunge bwo mu mutwe (le mental, l'intellect) ni bwo bwafasha ubwiyunge bwo ku mutima (le cœur) ku banyarwanda bahohotewe cyangwa bapfushije ababo bazira ubwoko bwa politiki bahawe ndetse no ku babakoreye ibyo byaha. Umaze kwumva uburyo wabaye umuhutu, umututsi cyangwa umutwa, byagufasha gusaba imbabazi abo wiciye uziza ababo ko mudahuje ubwoko bwa politiki wemeye, bityo ukagaruka i buntu. Umaze kwumva uburyo uwakwiciye uwawe yabaye umuhutu, umututsi cyangwa umutwa, byagufasha kumubabarira.

Ni muri ubwo buryo nashoboye kubabarira abashatse kumboha bakabibuzwa n'impamvu zitabaturutseho, maze numva ngize amahoro. Hari ibintu njya ntekereza bikambabaza: ntekereza umuntu wishe abantu abaziza ubwoko yibwiraga ko bafite, kubera ko we yabwiwe na se ko ari umuhutu cyangwa umututsi bitewe n'uko sekuru bamuhaye ubwoko bw'ubuhutu cyangwa bw'ubututsi bamaze kumupima imwe mu myanya y'umubiri we, cyangwa bamaze kubarura inka atunze. Uwo munyarwanda aramutse abimenye yabyifatamo ate ? Uwo yiciye se we abimenye yabigenza ate ? Ari wowe se ubimenye, wakwongera kwiyita umuhutu cyangwa umututsi? Muri iki gihe tugezemo se hari umunyarwanda n'umwe wakwongera kwemera ko ibyo bimubaho?

Ndabizi ko bigoye kwibohora ingoyi iboshye amaguru, iboheye amaboko inyuma cyangwa imbere, cyane cyane iyo umaze igihe kinini uri imbohe! Ndabizi ko

bigoye gutoroka gereza kuko uramutse ufashwe waraswa n'abarinze iyo gereza, ni ukuvuga abarinzi n'abacuzi b'ingengabitekerezo z'amoko ya politiki. Niyo mpamvu uwananirwa kwibohora ubwe no gutoroka iyo gereza, akwiye gushaka umunyarwanda uri hanze yayo, utari umuhutu, ntabe umutwa ntabe n'umututsi, kugirango amubohore maze amufashe kuva muri iyo gereza. Kandi barahari benshi, kuko hari abarangije kwibohora abandi bakaba nta moko ya politiki bigeze. **Numara kwumva no kwemera neza ko ayo moko ari aya politiki, uzaba wibohoye byuzuye**.

Dore impamvu zimwe zituma abanyarwanda bamwe batinya kwibohora no kwemera ko atari abahutu, abatutsi cyangwa abatwa:

1° Impamvu za politiki:

- Abanyepolitiki bamwe batinya y'uko, baramutse bavuze ko batiyumvamo ayo moko ya politiki kuko batayemera, byatuma babura abayoboke b'abahutu n'abatutsi ndetse n'abatwa;
- Abandi banyarwanda batinya kandi ko bakwitwa abahakanyi b'itsembabwoko. Kuri iyi ngingo nongere mbisobanure: Kuba utiyumvamo ubwoko bwa politiki ubu n'ubu kuko utemera ingengabitekerezo yabushyizeho, ntibivuze ko utemera ko hari abandi babwiyumvamo kuko bo bemera iyo ngengabitekerezo, bamwe bakaba barakoze iryo tsembabwoko. Kutaba mw'idini iri n'iri ntibivuze kutemera ko habaho andi madini. Icyo gihe ahubwo, uwo utiyumvamo ubwoko bwa politiki ni we uba uri mu mwanya mwiza wo kumenya no kwemeza ko itsembabwoko ryabayeho, kuko nta ruhande aba abogamiyeho! Niyo mpamvu hitabajwe abanyamahanga mu gukora iperereza ku byaha by'itsembabwoko mu Rwanda. Ikibangamira abo banyarwanda ni uko kuva kera twemeye buhumyi ko ngo twibumbiye mucyo abanyepolitiki bise *inyabutatu*, abanyarwanda twese ngo tukaba dufite ubwoko bwa politiki. Nka kwa kundi nyuma yaho abandi banyepolitiki batubwiye nako badutegetse ko ngo twibumbiye twese mw'ishyaka rya politiki ryabo (n'umwana ukivuka cyangwa utaravuka !), kandi nta na kimwe batubajije, maze tukabyemera ...

2° Impamvu z'imibanire n'abandi banyarwanda: abandi batinya ko, baramutse bavuze ko batemera ko ayo moko ya politiki abaho, batakwongera kubana neza n'abari bazi ko bahuje nabo ubwoko, bityo bagatakaza inshuti. Abo bameze kimwe na babandi batinya kuvuga ko bababariye ababahekuye, cyangwa babandi batinya kwemera ibyaha no gusaba imbabazi, ngo kugirango abo bahuje ubwoko bwa politiki batavuga ko batakiri kumwe nabo ndetse bakabita abagambanyi (traîtres).

3° Gutinya gutakaza ubuzirakarengane (le statut de victime): Abanyarwanda bamwe barenganyijwe cyangwa biciwe ababo bazira ubwoko bwa politiki bitiriwe, batinya kwibohora ingoyi y'ingengabitekerezo y'ubwo bwoko, ngo bititwa ko batazize ubwo bwoko. Kanaka ati ndamutse mvuze ko ntacyemera ko ndi umututsi sinjye hamwe n'abemera ingengabitekerezo y'ubwo bwoko bwa politiki, ati ubwo sinakwongera kuvuga ko narokotse itsembabwoko ry'abatutsi. Ntabwo ari byo. Uwo munyarwanda namuhumuriza mubwira ko rwose kwibohora cyangwa kubohorwa iyo ngengabitekerezo ntacyo bihindura ku buzirakarengane bwe. Kubera ko ibyo bidasibanganya icyaha cy'itsembabwoko cyakozwe, ari nayo mpamvu bidasibanganya ubwo buzirakarengane bw'itsembabwoko ry'abatutsi (statut de victime du génocide des tutsi).

Izo mpamvu zose rero zirimo ubwoba, ariko ibyo ni ukwibuza amahoro. Jye aho kubana n'umunyarwanda kubera ko tugomba guhuza ukwemera mu ngengabitekerezo y'ubwoko bwa politiki ubu n'ubu, nahitamo kumubwiza ukuri ko ukwemera kwe atari kwo kwanjye, yashaka ko tubana tukabana atabishaka akarorera, ariko nkigirira amahoro. Nta bucuti bushingiye ku bwoko ubwaribwo bwose ! Kimwe n'uko nta bucuti bushingiye mu kwemera kw'idini cyangwa kuba abantu bakomoka mu karere kamwe. Ubwo nta bucuti burimo.

Nongere mbisubiremo, amoko ya politiki aba mu mutwe kandi ntavukanwa. Ingengabitekerezo z'amoko ya politiki ni nka gereza ifungiyemo inzirakarengane: imbohe, imfungwa za politiki. Umwana uvukiye muri gereza ntakwiye kuba imfungwa ngo kubera ko ababyeyi be ari imfungwa n'imbohe, kandi nazo zirengana. Ibyo binyuranije n'amahame y'uburenganzira bwa muntu. Naho mu buryo bwo kwerekana ko amoko ya politiki ari ukundi kwemera kurimo ikinyoma, ndemeza ko umwana atavukana ukwemera kw'ababyeyi be, ukwariko kwose, kimwe n'uko atavukana ibitekerezo byabo.

Ndarangiza nibutsa ko ibibazo bidasanzwe bicyemurwa n'umuti udasanzwe kandi ko **impinduka ikorwa n'ibitekerezo bishya**.

Iki kiganiro mukigejejweho na Musomesha Aloys, *Umuyobozi n'Umuhuza w'Umushinga w'Ubwiyunge Nyakuri*, **umushinga wigenga kandi utabogamiye kuri politiki y'amashyaka n'ubutegetsi**. Murakoze kuntega amatwi, ndabashimiye, mugire amahoro, ni ah'ubutaha.